

ABAKIRISITU N'ABAYISIRAMU MU KUBUNGABUNGA UBUZIMA Bw'UMUBYEYI N'UMWANA



IMFASHANYIGISHO ISHINGIYE KURI BIBIRIYA NA QOR'AN



USAID
FROM THE AMERICAN PEOPLE



RCLS



Ministry of
Health



Gutangaza iki gitabo byatewe inkunga n'ishami rishinzwe iby'ubuzima bw'ababyeyi n'abana, mu biro bishinzwe indwara zandura n'imirire, urwego mpuzamahanga rw'ubuzima (Bureau for Global Health), mu muryango w'abanyamerika ushinzwe iterambere mpuzamahanga (USAID), biciye mu masezerano yitwa Leader with Associates Cooperative Agreement GS-A-00-04-00002-00. Ibitekerezo bikubiye muri iki gitabo ni iby'abanditsi kandi ntibihuye byanze bikunze n'iby'Umuryango w'Abanyamerika ushinzwe iterambere mpuzamahanga.

Mata 2009

GUSHIMIRA

ABAYOBOYE UMUSHINGA

Dr Sarla Chand, IMA World Health

Bwana Ignace Singirankabo, Urugaga rw'Amadini (RCLS)

Imfashanyigisho Ya Gikirisitu

ABANDITSI

Psy. Ildephonse Fayida, Ihuriro ry'amatorero y'ivugabutumwa mu Rwanda

(Umwanditsi Mukuru)

Padiri Vicent Nyamaganda, Kirizya Gaturika

Madame Speciose Mukagahima, Ihuriro ry'Amatorero y'abaporotesitanti mu Rwanda

Bwana Bisama Désiré, Ihuriro ry'Amatorero y'ivugabutumwa mu Rwanda

Madame Agnes Icyizanye, Kirizya Gaturika

Imfashanyigisho ya Islamu

ABANDITSI

Shehe Mussa Sinskyigaya, Umuryango w'abayisilamu mu Rwanda (Umwanditsi mukuru)

Shehe Selemani Byagusetsa, Umuryango w'abayisilamu mu Rwanda

Shehe Ahmed Munyezamu, Umuryango w'abayisilamu mu Rwanda

Shehe Khalid Gatera, Umuryango w'abayisilamu mu Rwanda

ABAKOSOYE N'ABAFASHIJE mu KWANDIKA

Madame Uzamushaka Ernestine, Urugaga rw'Amadini (RCLS)

Bwana Niragire Bertrand Thierry, Urugaga rw'amadini (RCLS)

Bwana Laban Habimana (Consultant)

Bwana Emile Sempabwa, Intrahealth Twubakane

Madame Erika S. Pearl, IMA World Health

Bwana Jeremie Zoungrana, Jhpiego/Rwanda

Madame Therese Bishagara, Jhpiego/Rwanda

Dr Claude Sekabaraga, wari umukozi wa Minisiteri y'Ubuzima

Dr Fidele Ngabo, Umuhuzabikorwa w'ishami rishinzwe iby'ubuzima bw'ababyeyi
muri Minisiteri y'Ubuzima

Dr Patricia Gomez, Jhpiego

Umuyobozi ndetse n'abakozi b'Ikigo cy'Ighugu Gishinzwe Itangabutumwa ku

Buzima

Madame Juliet MacDowell, Jhpiego

Madame Aissatou Lo, wahoze ari umukozi wa Jhpiego/Rwanda

Rev Francis Karemera, Uhagarariye Inama Nyobozi ya RCLS

UWATUNGANYIJE IGITABO

Kathy Erb (Consultant)

UWAFASHIJE GUTUNGANYA IGITABO

Erika S. Pearl, IMA World Health

AMAVU N'AMAVUKO Y'IKI GITABO

Kubaha ikiremwa muntu Imana yaremye ndetse n'ubuzima muri rusange bitangirira mu kubungabunga ubuzima bw'ababyeyi n'abana. Nibyo umuryango ACCESS Program ukorana na Minisiteri y'ubuzima washyize imbere cyane cyane mu bikorwa by'ubuvuzi, ndetse no gushishikariza umuryango nyarwanda n'abayobozi b'amadini kwitabira kubungabunga ubuzima bw'ababyeyi n'abana.

Ni muri urwo rwego Urugaga rw'Amadini mu kurwanya icyorezo cya SIDA (RCLS-Rwanda) rwasanze ari ngombwa ko imyemerere y'amadini ndetse n'imyigishirize ku bijyanye no gushakana, kubana mu muryango, ndetse no kurera abana bisobanurwa neza kugirango abayoboke b'amadini bumve neza inshingano zabo mu kurinda no kubungabunga ubuzima bw'ababyeyi n'abana. Hashyizweho amatsinda abiri y'abakirisitu n'abayisilamu bayobowe n'Urugaga rw'amadini ndetse n'Umuryango ACCESS Program kuringo ayo matsinda yombi yandike iyi mfashanyigisho (cyangwa Khutbah ariyo nyigisho itangwa mu musigitu mbere y'isengesho ryo kuwa gatanu cyangwa ku yandi mahuriro adasanzwe). Iyi mfashanyigisho rero ikaba irimo ibigomba kwigishwa ku buzima bw'umubyeyi n'umwana, byemewe na Minisiteri y'ubuzima kandi bijyanye n'imirongo nyayo yo muri Bibiliya na Qor'an.

Icyemezo cyo kwandika iyi mfashanyigisho cyafatiwe mu nama yateguve n'Urugaga rw'amadini (RCLS) yabereye i Kigali muri

Kanama 2007 igahuza abayobozi bakuru b'amadini mu rwanda. Iyo nama yari igamije gushishikariza abayobozi b'amadini kurushaho kwita ku buzima bw'ababyeyi n'abana, niyo yashyizeho komite izakurikirana iyandikwa ry'iki gitabo. Iki gitabo kigizwe n'ibice bibiri, birimo imfashanyigisho za gikirisitu n'iz'abayisilamu, cyasuzumwe na Minisiteri y'ubuzima, ndetse n'abandi bantu n'imiryango igira uruhare mu kubungabunga ubuzima bw'ababyeyi n'abana.

Urugaga rw'Amadini mu Kurwanya Icyorezo Cya SIDA (RCLS)

Urugaga rw'amadini mu kurwanya SIDA (RCLS) rugizwe n'amadini yose ari mu Rwanda akaba yibumbiye mu matsinda atanu ariyo: Inama y'Abasenyeri Gaturika (Conference Episcopale), Porovensi y'Abangirikani mu Rwanda (PEAR), Inama y'Abaporotesitanti mu Rwanda (CPR), Ihuriro ry'Imiryango y'Ivugabutumwa mu Rwanda (Alliance Evangelique au Rwanda) n'Umuryango w'Abayisilamu mu Rwanda (AMUR). Urugaga rw'amadini (RCLS), rufatanyije na Minisiteri y'ubuzima n'abandi bafatanyabikorwa, rwiyemeje guteza imbere kubungabunga ubuzima bw'ababyeyi n'abana rubicishije mu madini agize urwo rugaga

Umuryango ACCESS Program

ACCESS ni umuryango mpuzamahanga ushamikiye ku muryango w'abanyamerika ushinzwe iterambere mpuzamahanga (USAID). Umuryango ACCESS ukaba ugamije guteza imbere ubuzima bw'ababyeyi n'impinja cyane cyane wibanda ku gukwirakwiza ibikorwa byo kwita ku buzima bw'ababyeyi n'impinja no gushishikariza abantu kubyatabira biciye mu rukurikirane rw'ibikorwa by'ubufasha ku babyeyi n'impinja bihera mu rugo bigakomeza kugera mu kigo nderabuzima.

Gahunda Nyafurika Igamije Kubyara Neza (Safe Birth Africa Initiative)

Mu rwego rwo gufasha Minisiteri y'Ubuzima mu kunoza no gukwirakwiza ibikorwa byo kwita ku buzima bw'ababyeyi n'abana, umuryango ACCESS wasabwe mu mwaka wa 2006 kwitabira Gahunda Nyafurika igamije kubyara neza (Safe Birth Africa Initiative) y'Umuryango w'abanyamerika ushinzwe iterambere mpuzamahanga (USAID). Iyo gahunda igamije kugaragaza iby'ingenzi byagezweho ku rwego rugari cyane cyane mu kwita ku babyeyi n'abana mu gihe cy'ibise, mu gihe cyo kubyara ndetse n'igihe gikurikira kubyara aho ubuzima bw'umubyeyi n'umwana buba bushobora guhura n'ibibazo. Binyujijwe rero muri iriya gahunda yo kubyara neza muri Africa (Safe Birth Africa Initiative), umuryango ACCESS/Rwanda ukora ibikorwa by'ubutabazi bw'ibanze ku babyeyi bakibyara n'abana bakivuka (Emergency Obstetric and Newborn Care: EmONC), harimo no gutanga amahugurwa ku bufasha

bw'ibanze bukorerwa umwana ukivuka, gukoresha uburyo bwa Kangaro bukoreshwa ku bana bavukanye ibiro bike, gukorana n'abanyamadini n'imiryango ishingiye ku kwemera mu bikorwa bijyanye n'ubuvugizi mu miryango ndetse n'ibikorwa byo gushishikariza imiryango guhindura imyitwarire.

IBIRIMO

Gushimira	i
Amavu N'Amavuko Y'Iki Gitabo.....	iii
Ibirimo	vii
Inyuguti Mpinamagambo Zakoreshejwe.....	ix
Ijambo Ry'Ibanze	x
Iriburiro Rusange	xiii
Imafashanyigisho Ya Islamu Ku Buzima Bw'Umubyeyi N'Umwana.....	1
 Iriburiro.....	2
Ikiganiro Cya Mbere: Inshingano Z'Umugabho mu Rugo Zirebana N'Ubuzima Bw'Umugore N'Umwana	5
Ikiganiro Cya Kabiri: Kuboneza Urubyaro	19
Ikiganiro Cya Gatatu: Ubufasha Ku Mugore Mbere na Nyuma yo Kubyara.....	24
Ikiganiro Cya Kane: Ubuzima Bw'Umwana.....	28
Ikiganiro Cya Gatanu: Indyo Yuzuye Ku Mubyeyi N'Umwana	31
Ikiganiro Cya Gatatandatu: Isuku No Kurengera Ibidukikije.....	34
Ikiganiro Cya Karindwi: Kwirinda Icyorezo Cya SIDA N'Indwara Zandurira mu Mibonano Mpuzabitsina.....	39
Ikiganiro Cya Munani: Ubwisungane mu Kwivuza	47
Ikiganiro Cya Cyenda: Kwirinda Ibisindisha, Ibiyobyabwenge N'Itabi	52

Umwanzuro Rusange.....	56
Nigute Wakoresha lyi Mfashanyigisho	58
Ibitabo Byakoreshejwe	59
Inyandiko Zifashishijwe	60

INYUGUTI MPINAMAGAMBO ZAKORESHEJWE

EDS (2005)	Enquête Démographique et de Santé 2005 (Ubushekashatsi bwakozwe ku bwiyongere bw'abaturage n'ubuzima)
EIDS (2007-2008)	Enquête Intermediaire Demographique et de Santé
IMA	IMA World Health
RCLS	Réseau des Confessions Religieuses pour la Lutte contre le SIDA (Ihuriro ry'amadini iyemeje kurwanya SIDA)
SIDA	Syndrome d'Immuno Défficience Acquise (Syndrome: uruhurirane rw'ibimeneyetso by'indwara; Immuno: ubwirinzi mu mubiri; Défficience: kubura ubwirinzi mu mubiri; Acquise: yanduwe ku wundi muntu)

IJAMBO RY'IBANZE

Mu Rwanda, umubyeyi umwe yitaba Imana buri masaha atatu bitewe n'ibibazo bivuka mu gihe cyo gutwita ndetse no kubyara. Zimwe mu mpamvu z'ingenzi zagaragajwe zitera izo mpfu harimo kutagira ubumenyi bw'ibanze ku bijyanye n'ubuzima bw'umubyeyi n'umwana, gutinda gufata icyemezo cyo gujya kwisuzumisha mu gihe umubyeyi atwite, kutabyarira kwa muganga, kutagira ibikorwa remezo ndetse no kutabona abanganga b'inzobere mu gihe cyo kubyara. Ibyinshi muri ibi bibazo bishobora kwirindwa hakoreshejwe ibikorwa by'ubukangurambaga bigamije gushishikariza abantu kumva uburemere bw'ikibazo cy'impfu z'ababyeyi n'abana ; ibyo bikorwa bikibanda ku bantu bose, ku miryango, ku nzego zifata ibyemezo, n'ibindi.

Mu Rwanda, abanyarwanda bagera kuri 97% babarizwa mu madini atandukanye akorera mu Rwanda harimo ay'abakirisitu n'ay'abayisilamu. Mirongo ine ku ijana by'ibigo nderabuzima dufite mu rwanda biri mu maboko y'abanyamadini ndetse na 36% by'ibigo birinda ababyeyi kwanduza abana batwite ubwandum bw'agakoko gatera Sida (PMTCT) na 37% by'ibigo bitanga inama bikanapima ku bushake agakoko gatera SIDA (VCT).

Iki gitabo cyiswe « Abakirisitu n'abayisilamu mu kubungabunga ubuzima bw'ababyeyi n'abana : Imfashanyigisho ishingiye kuri Bibiliya na Qor'an » kigaragaza ibigomba kwitabwaho ku bijyanye n'ubuzima bw'ababyeyi n'abana mu Rwanda ndetse kigatanga n'uburyo inyandiko ntagatifu ukwemera kwacu gushingiyeho arizo Bibiliya na Qor'an zadufasha kwita ku buzima bw'ababyeyi n'abana. Iki gitabo kigamije gutanga ubumenyi bw'ibanze n'uburyo bwakoreshwa mu guhangana na bimwe mu bibazo by'ingenzi ababyeyi n'abana bahura nabyo hifashishijwe inyandiko ntagatifu.

Twizeyeko iki gitabo kizafasha abantu kurushaho kumva uruhare rw'amadini n'imiryago ishingiye ku kwemera mu gutabara imbaga y'ababyeyi bapfa umunsi ku wundi bari kwibaruka, n'abana batagira amahirwe yo kwizihiza isabukuru ya gatanu y'ivuka ryabo.

Mu izina ry'Urugaga rw'Amadini mu kurwanya SIDA (RCLS-Rwanda), ndashimira abafatanyabikorwa n'imiryango nterankunga ku ruhare rukomeye bagize haba mu bijyanye n'inkunga y'amafaranga ndetse n'inkunga mu bijyanye n'ubumenyi. Turashimira byimazeyo Minisiteri y'Ubuzima ku

nkunga yatanze mu guhitamo ubutumwa bw'ingenzi ku buzima bw'ababyeyi n'abana bwibanzweho muri iki gitabo. Turashimira kandi inkunga y'amafaranga ndetse n'inama zatanzwe n'umuryango IMA World Health ndetse n'inama nyinshi zatanzwe n'imiryango ya ACCESS na JHPIEGO mu iyandikwa ry'iki gitabo.

Turashima kandi umurimo ukomeye wakozwe n'abanditse, abakosoye ndetse n'abafashije mu murimo wo kwandika bose bakoze ubutaruhuka amanywa n'ijoro bashakisha muri Bibiliya na Qor'an imirongo isobanura neza kurusha indi ubutumwa bujyanye no kubungabunga ubuzima bw'ababyeyi n'abana.

Imana ishobora byose nifashe umuntu wese uzasoma iki gitabo akagira icyo yakora mu kurushaho kurinda ababyeyi n'abana.

Reverend Gahungu Bunini
Perezida w'Urugaga Rw'Amadini mu Kurwanya SIDA
(RCLS)

IRIBURIRO RUSANGE

U Rwanda ni kimwe mubihugu bya mbere ku isi bigaragaramo umubare munini w' impfu z'abana n'ababyeyi. Abagore 750/100,000 bapfa bagitwite, babyara cyangwa nyuma yo kubyara. Ku bana 1,000 bavutse ari bazima, 152 bapfa bataruzuza ukwezi kumwe. Impamvu zitera izo mpfu zamenyekanye ni nko kubura ubumenyi buhagije ku buzima bw'abana n'ababyeyi, kutagira ubushobozzi bwo kugera kwa muganga ku gihe, kutabona ubufasha bukwiye mu gihe cya ngombwa n'ibindi. Nyamara bimwe muri ibi bibazo bishora kwirindwa hakoreshejwe ubukangurambaga.

Ku bijyanye n'amadini ubushakashatsi ku buzima n'ubwiyongere bw'abaturage (EDS 2005) bwagaragaje ko Abanyarwanda bagera kuri 97% bafite idini babarizwamo. Bityo ayo madini yagerageje gushyiraho ingamba n'ibikorwa bigamije kugabanya impfu z'ababyeyi n'abana binyuze cyane cyane mu bigo nderabuzima aho 40% muri byo biri mu maboko y'abanyamadini, mu nyigisho zo mu misigit, mu nsengero na kiriziya.

Ikigamijwe muri iki gitabo si ukwigisha amahame y'ukwemera kw'idini iryo ariryo ryose, si no kwigisha ubumenyi ku buzima

bw'umwana n'umubyeyi nk'uko byigwa mu mashuri y'ubuganga, ahubwo ni ukwifashisha Bibiliya na Qor'an bitewe n'igitabo gitagatifu umuntu yemera, ukerekana uko Imana ivuga muri ibyo bitabo uburyo ubuzima bw'abana n'ababyeyi bugomba kwitabwaho. Ukoresha izo mfashanyigisho ashobora kwifashisha imirongo yateganyijwe n'abaziteguye cyangwa agashaka indi mirongo akuye muri ibyo bitabo by'ukwemera kw'amadini.

Iki gitabo kigizwe n'ibice bibiri: igice kimwe kigizwe n'imfashanyigisho zishingiye kuri Bibiliya, ikindi kigizwe n'imfashanyigisho zishingiye kuri Qor'an. Ibyo bice byombibihuriye ku ngingo nkuru 10 zuzuzanya mu bigomba gukorwa mu kubungabunga ubuzima bw'umubyeyi n'umwana. Izo ngingo ni:

1. Agaciro k'ubuzima bw'umuntu
2. Inshingano z'umugabo mu rugo zirebana n'ubuzima bw'umugore n'umwana
3. Kuboneza urubyaro
4. Ubufasha ku mugore mbere na nyuma yo kubyara
5. Indyo yuzuye ku mubyeyi n'umwana
6. Isuku no kurengera ibidukikije
7. Kwirinda no kurwanya malariya

8. Kurwanya icyorezo cya SIDA n'indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina (IST)
9. Ubwisungane mu kwivuza (Mutuelle de santé)
10. Kwirinda ibisindisha, ibiyobyabwenge n'itabi

Imana ifashe buri wese uzasoma iki gitabo akagira umuhate wo kucyifashisha ngo akangurire abandi kubungabunga ubuzima bw'umwana n'umubyeyi.

IMFASHANYIGISHO YA ISLAMU KU

BUZIMA BW'UMUBYEYI

N'UMWANA

“Ku Izina Ry’Imana Nyir’impuhwe Nyir’imbabazi”

Tuributsa ko ubu bushakashatsi bugufi bwakozwe ku bufatanye bw’umuryango w’Abayislamu mu Rwanda (AMUR) n’Urugaga rw’abanyamadini rugamije kurwanya SIDA (RCLS), bukaba bugamije kugaragaza uruhare rwa Islamu mu gusubiza bimwe mu bibazo by’imibereho y’abatuye isi muri rusange n’umuryango nyarwanda by’umwihariko, hashingiwe ku myemerere y’idini ya Islamu.

Turasaba Imana nyir’impuhwe nyir’imbabazi, ko iki gikorwa yagiha imigisha, kikazaba urumuri ku bo kizageraho bose.

IRIBURIRO

Ugushimwa no gusingizwa ni iby'Imana yo yaremye umuntu ikamwigisha ibyo atarazi ikoreshheje ikaramu, amahoro n'imigisha bisakare ku ntumwa y'Imana Muhamadi, we waje ari umuburizi akanazanira ikiremwa muntu inkuru nziza ku mibereho yacyo ya buri munsi.

Nyuma y'ibyo; Islamu ni idini yuzuye, itunganye, kandi igizwe n'amategeko agenga gahunda y'ubuzima bwose, haba ku ruhande rw'imyemerere, ubukungu, imyifatire, ndetse n'amategeko mboneza mubano n'ibindi nkenerwa mu buzima bwa buri munsi.

Ibi byose rero Islamu yarabigaragaje kandi ibisobanura bihagije muri Qor'ani kuva ihishurwa kugeza ku munsi w'imperuka nk'uko Imana igira iti, "***Nta kintu na kimwe twasize tutavuze muri Qor'an.***" (Qor'an 6:38) Na none iti, "***Kandi buri kintu twaragisobanuye tugisesengura bihagije.***" (Qor'an 17:12) Amategeko ya Islamu afite inkomoko ebyiri (2) arizo:

- Qor'an ntagatifu

- Asunah (imigenzo) y'Intumwa y'Imana Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha)

Ni yo mpamvu bibaye byiza ko muri ubu bushakashatsi bugufi dusobanura muri make Qor'an icyo aricyo, n'imigenzo y' Intumwa y'Imana Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha), icyo aricyo, kuko bigaruka cyane muri ubu bushakashatsi tugasanga bizafasha uwo ariwe wese uzasoma iyi nyandiko kurushaho gusobanukirwa neza ikigamijwe.

Qor'an ni iki?

Qor'an ni amagambo y'Imana yahishuriwe intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) binyujijwe kuri malayika Djibril (Gabriel), akaba ari bwo butumwa bwa nyuma, bukubiyemo ibyahishuriwe intumwa zose zabanjirije Muhamadi.

Qor'an ikaba ari igitangaza gihoraho kugeza ubwo Imana izisubirizaho isi n'ibiyiriho byose, ntawe ufite ububasha bwo kuyihindura, yongera, cyangwa agabanya ibiyikubiyemo, yahishuwe mu bihe n'impamvu zinyuranye, mugihe cy'imyaka makumyabiri n'itatu (23), ikaba ikubiyemo imyemerere, amategeko n'ibindi.

Qor'an ubu imaze ibinyejana birenga cumi na bine iri ku mwimerere wayo nk'uko yahishuwe, kuko Imana yasezeranye kuyirinda igira iti, “***Mu kuri ni twe twahishuye Qor'an kandi ni na twe tuzayirinda.***” (Qor'an 15:9)

Asunah (Imigenzo) y'Intumwa ni iki?

Ni imvugo, ibikorwa byakozwe n'intumwa y'Imana Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) n'ibyakozwe n'abandi akabyemeza. Aha ni ho shingiro rya kabiri ry'amategeko ya Islamu nyuma ya Qor'an, ibyo Imana yabishimangije muri Qor'an igira iti, “***Kandi Muhamadi ntavuga iby'amaranga mutima ye, ahubwo ni ubutumwa bw'Imana yahishurirwaga.***” (Qor'an 53:3-4)

IKIGANIRO CYA MBERE: ISHINGANO

Z'UMUGABO MU RUGO ZIREBANA N'UBUZIMA

Bw'UMUGORE N'UMWANA

**Umugabo ni we ufite inshingano zose ku buzima
bw'umuryango**

Idini ya Islamu yashyizeho amategeko agenga umuryango, iteganya ko umugabo n'umugore bagomba kubana, buri wese imuha inshingano n'uburenganzira, irangije itegeka abashakanye ko bagomba gufatanya mu guharanira uburere n'imibereho myiza y'abana babyara. Iyo nshingano bose bakaba bayihuriyeho, ariko uyibazwa bwa mbere ni umukuru w'umuryango ari we mugabo mu rugo.

Kuba rero umugabo ari we mukuru w' umuryango bishimangirwa na Qor'an aho Imana yavuze iti, “*Abagabo ni abahagararizi b'Abagore, kubera akarusho Imana yabahaye n'imitungo yabo babatangaho....*” (Qor'an 4:34) Kubera rero ko umugabo ari umuhagararizi w'umuryango bimutegeka ko agomba kuzuza inshingano ze zose harimo no guharanira ubuzima bwiza bw'umuryango hitabwa ku bintu

byinshi,

muri

byo

twavuga:

**Guhahira umuryango no kuwushakira ibyo ukeneye mu
mibereho ya buri munsi**

Guhahira umuryango ni inshingano y'umukuru w'umuryango, kandi Islamu yabigize itegeko rya ngombwa agomba kubahiriza akazabihemberwa imbere y'Imana, n'iyo yirengagije iyi nshingano arabihanirwa.

Imana ishimangira iri tegeko igira iti, “**Kandi ba se b'abana
bategetswe kugaburira abagore babo no kubambika
mu buryo bukwiye.**” (Qor'an 2:233) Ku birebana n'iyi ngingo, Islamu itegeka ko umukuru w'umuryango agomba kuwuhahira bigendanye n'ubushobozi bwe, bisobanuye ko niba yishoboye agomba guhahira umuryango we ibyiza bigendanye n'ubushobozi bwe Imana yamuhaye. Imana iravuga iti, “**Uwo
Imana yatuburiye umutungo agomba gutanga
bigendanye n'uko umutungo we utubutse, na ho uwo
Imana yahaye umutungo muke ajye atanga mu
kigero cy'ibyo Imana yamuhaye, kuko Imana
ntitegeka umuntu ibyo adashoboye.**” (Qor'an 65:7)

Uyu murongo wa Qor'an ntagatifu uragaragaza ko idini ya Islamu itegeka umugabo kwita k'umuryango we akawuhaza mu biribwa n'ibindi nkenerwa bituma umuryango ugira ubuzima bwiza buzira umuze.

Gushakira umuryango aho kuba heza.

Islamu ni idini yita ku muryango cyane, ni yo mpamvu no mu byo itegeka umugabo harimo gushakira umuryango we aho gutura heza kandi hagendanye n' ubushobozi bwe, bisobanuye ko igihe ari umukire ategetswe kubashakira aho kuba hafite ibyangombwa byose bikenewe mu buzima, aha Imana iragira iti “*Mutuze abagore banyu aho mutuye hagendanye n'ubushobozi bwanyu, kandi ntimukababangamire.*” (Qor'an 65:6)

N.B: Ku birebana n'ibikenerwa n'umuryango, Islamu itegeka ko umugabo agomba kuwuhahira ibiturutse mu mutungo uziruwe yabonye mu nzira nziza zemewe, kuko ari byo biwubaka bikawuhesha imigisha n'amahirwe ku Mana.

Naho igihe umugabo ahahiye umuryango ibiturutse mu nzira mbi ziziririjwe nk'ubujura, urusimbi, gucuruza ibiyobya bwenge, inzoga n'ibindi, n' ikizira muri Islamu kuko bigira

ingaruka mbi ku buzima bwa bo bikanabuza kwakirirwa ubusabe bwa bo ku Mana, nk'uko Intumwa y'Imana Muhamadi (Imana Imuhe Amahoro n'imigisha) yavuze k'umuntu wari ku rugendo ananiwe cyane yarenzwe n'ivumbi ndetse n'imisatsi ye yasambaguritse, azamura amaboko ye asaba Imana cyane agira ati “Nyagasani Nyagasani!” ariko ibyo kurya n'ibyo kunywa bye n’ imyambaro yabivanye mu nzira ziziririjwe! Maze Intumwa y'Imana iravuga iti, “*Ese ni gute uwo muntu Imana yakwakira ubusabe bwe?*”

Umugabo ni umushumba w'umuryango we

Idini ya Islamu ishimangira ko umugabo agomba gucunga neza ubusugire bw'umuryango, aharanira kuwubeshaho neza hano ku isi ndetse no ku munsi w'imperuka. Imana iravuga iti, “***Yemwe abemeye, murinde roho zanyu n'abantu banyu ibihano by'umuriro kuko inkwi zawo ni abantu n'amabuye kandi urinzwe n'abamalayika b'inkazi bafite imbaraga ntibasuzugura ibyo Imana ibategetse ahubwo bakora ibyo bategetswe.***” (Qor'an 66: 6)

Kurinda abantu bawe umuriro bisobanuye kubategeka ibyo Imana yategetse, ukababuza ibyo yaziririje. Na none Intumwa

y'Imana Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yashimangiye ko umugabo ari umushumba w'umuryango ashinzwe igira iti, “*Buri wese ni umushumba kandi buri mushumba azabazwa ibyo yaragijwe, umugabo ni umushumba ku bantu bo mu rugo rwe kandi azababazwa ku munsi w'imperuka.*” Ni yo mpanvu idini ya Islamu yashimangiye ko umugabo utaye inshingano ze akirengagiza umuryango we aba akoze icyaha gihambaye nk'uko Intumwa y'Imana Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yabivuze igira iti, “*Birahagije kuba ari icyaha igihe umuntu yirengagiza abo ashinzwe gutunga.*”

Ku bw'ibyo Islamu iziririza kwirengagiza no kwiakana umwana wabyaye cyangwa umwana akihakana umubyeyi we, Intumwa y'Imana Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yaravuze iti, “*Umuntu uzihakana umwana we kugira ngo amukoze isoni hano ku isi nawe Imana izamukoza isoni ku munsi w'Imperuka imbere y'ibiremwa byose ibyo yakoze nawe azabikorerwa.*”

Izi mvugo z'intumwa y'Imana Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) ziragaragaza uburemere bw'inshingano z'umugabo ku muryango we bikaba ni indagizo yaragijwe

kuyirengagiza ni icyaha, n'ubuhemu, nk'uko Intumwa y'Imana (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yavuze iti, “*Yemwe bagabo mutinye Imana ku bagore banyu, kandi mu menye ko ari indagizo mwaragijwe n'Imana.*”

Umugabo agomba guherekeza umugore we agiye kwipimisha ku kigo nderabuzima, no ku bitaro igihe agiye kubyara

Islamu igaragaza ko umwana akomoka ku babyeyi bombi, kuko yaremwe mu mazi yo mu mugongo w'umugabo n'igituza cy'umugore, nk'uko Imana ibivuga igira iti, “***Umuntu niyitegerezze icyo yaremwemo, yaremwemo mu mazi ataruka asohoka mu mugongo n'igituza.***” (Qoran 86:5-7)

Aya mazi rero ni yo ajya muri nyababyeyi y'umugore, aho ni ho atangirira gutwita umwana. Bisobanuye ko n'ubwo ariwe umutwita ariko uwo mwana atwite aba yarasamye inda ye biturutse kuribo bombi. Ibyo rero bisobanura ko ububabare n'ingorane umubyeyi ahura nabwo igihe atwite n'igihe abyara, zitagomba kuba ize wenyine ahubwo umugabo we agomba kumuba hafi no kumufasha; nk'uko Qor'an ibigaragaza igihe Mariyamu Nyina wa Issa (amahoro n'imigisha by'Imana

bimubeho) yarikubise aravuga ati “...*ubonye iyo nza kuba narapfuye mbere y'ibi bihe ndimo nkibagirana burundu.*” (Qor'an 19: 23)

Na none mu kugaragaza ko umugore ahura n'ububabare bitewe no gutwita, Imana muri Qor'an iragira iti, “***Twategetse umuntu kugirira ineza ababyeyi be bombi, kuko nyina yamutwise bikamutera uruhererekane rw'ububabare ku bubabare.***” (Qor'an 31:14) Ibyo byongera kugaragazwa n'amagambo y'Imana muri Qor'an aho yavuze iti “***nategetse umuntu kugirira ineza ababyeyi be bombi, kuko nyina yamutwise mu ngorane anamubyara mu ngorane....***” (Qor'an 46:15)

Islamu ikangurira buri wese kwita ku buzima bwe n'ubwa mugenzi we nk'uko intumwa y'Imana Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yakanguriye abantu kwita ku buzima bwabo bivuza no gukurikirana iby'ubuzima bwabo igira iti, “*yemwe bagaragu b'Imana nimwivuze, kuko buri burwayi bwose Imana yabushyiriye ho umuti, uretse indwara imwe ari yo ubusaza.*” (Yakiriwe na Imam Ahmad)

Ibi tumaze kuvuga biragaragaza ingorane n'ububabare umugore ahura nabwo mu gihe atwite, igihe cyo ku byara na nyuma yaho. Ese ubu bubabare n'ingorane abisangira ate n'umugabo we? Aha Islamu igaragaza ko umugabo muri ibi bihe byose agomba kwifatanya n'umugore we muri ibi bikurikira.

Kwiyumva kimwe n'umugore we muri ibyo bihe

Umugabo ategekwa kuba hafi y'umugore we, akiyumvamo ko ububabare n'ingorane umugore we arimo nawe azifitemo uruhare, ibi bigaragazwa n'imvungo y'Intumwa y'Imana Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha), aho igira iti: “*Urugero rw'abemera mu gukundana kwabo no kugirirana impuhwe kwabo ni nk'umubiri umwe, iyo urugingo rumwe rurwaye ububabare busakara umubiri wose ntagoheke....*”

Kutagirana imibonano mpuzabitsina mu gihe cy'ibisanza n'imihango

Amategeko ya Islamu agaragaza ko umugore mu ku byara ahura n'ububabare bukomeye, kandi bunakomeretsa imyanya y'imyororokere ye. Bityo umugabo kuba yagirana imibonano mpuzabitsina n'umugore we mu gihe cy'ibisanza ni ikizira bikaba n'ubugizi bwa nabi. Imana iragira iti, “*Yewe Muhamadi barakubaza ku birebana n'imihango,*

babwire uti “ibyo n’ibihe bibangamira umugore ku bw’ibyo mujye mwirinda kugirana imibonano nabo.”

(Qor'an 2:222)

Kumusabira ku mana

Nk'uko bizwi, ibi bihe ntibiba byoroheye umugore kuko aba ari hagati y'urupfu n'ubuzima, bityo umugabo agomba guhozaho kumusabira ku Mana ko yamworohereza akaruhuka amahoro. Urwo rukaba ari urugero dukomora ku Ntumwa y'Imana Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) ubwo yasabaga Umu Salama na Zainab kuba hafi y'umukobwa we Fatima, igihe yari yegereje kubyara, bamusabira ku Mana kugirango imworohereze abyare amahoro.

Kumwitaho mu bihe byo gutwita na nyuma yo kubyara

Umubyeyi iyo atwite akenera indyo yuzuye kugirango yitunge anatunge n'uwo atwite mu gihe cy'amezi icyenda (9), na nyuma yo ku byara aba akeneye intungamubiri kugira ngo abashe kugarura ibyo yatakaje abyara, anahembere igituza cye. Aha intumwa y'Imana Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) iratubwira iti, “*Mugirire impuhwe abari mu isi Imana yo mu ijuru nayo izazibagirira.*”

Na none iti, “*Uzorohereza umuntu ufite ingorane, nawe Imana izamworohereza ingorane ze hano ku isi no ku munsi w'imperuka.*” Na none iti, “*Imana ifasha umuntu mu gihe nawe afasha mugenzi we.*” Ni muri urwo rwego, Imana yategetse ko igihe umugore ari mu mihangi cyangwa mu bisanza agomba kurya mu minsi y'igisibo cya Ramadhani. Ibi bikagaragaza impuwe z’Imana kuri we no kubungabunga ubuzima bwe. Ikindi kandi ni uko Islamu isaba umugabo kugira inama umugore we zo kwita ku buzima bwe, amukangurira kugana ibigo ndera buzima nk’uko ari itegeko kuri buri wese aho Imana igira iti, “***Ibutsa, kuko kwibutsa bifitiye abemera akamaro.***”

(Qor'an 51:55)

Byongeye kandi kwivuza muri Islamu ni itegeko nk’uko tubigaragarizwa n’imvugo y’Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n’imigisha) aho igira iti, “*Yemwe bagaragu b’Imana mwivuze, kuko buri burwayi bwose Imana yabushyiriyeho umuti, uwawumenye yarawumenye n’utarawumenye ntiyawumenye ariko urahari, uretse indwara imwe ari yo ubusaza.*”

Kwakirana umwana ubwuzu n'ibyishimo

Islam idusaba kwishimira umwana wavutse, no guha impundu umubyeyi wabyaye, nk'uko byabaye ku Ntumwa y'Imana Zakariya (Imana imuhe amahoro n'imigisha) ibi Imana ibivuga muri Qor'an igira iti, “*Yewe Zakariya, mukuri tuguhaye inkuru nziza y'uko uzabyara umwana w'umuhungu uzitwa Yahya kandi iryo zina rikaba ritarigeze ryitwa undi muntu mbere ye.*” (Qor'an 19:7)

Na none iti, “*Ibuka igihe Abamalayika babwiraga Mariyamu bagira bati: yewe Mariyamu, mu by'ukuri Imana iguhaye inkuru nziza y'ijambo riturutse kuri yo ko uzabyara umwana w'umuhungu akazitwa Issa (Yesu) mwene Mariyamu (Mariya), azaba umunyacyubahiro ku isi no ku munsi w'imperuka akaba no mubiyegereza Imana.*” (Qor'an 3:45)

Ubufatanye bw'umugabo n'umugore mu mirimo yo mu rugo

Mbere y'uko umugabo n'umugore babana Islamu ibanza kubategeka ko buri wese agomba kubanza akishimira mugenzi we nta gahato, nyuma yo gushimana ubuzima bwabo bugomba

kurangwa n'urukundo, rushingiye ku bufatanye muri byose, bakazirikana ko umuco w'ubwuzuzanye bawukomora ku Ntumwa y'Imana yo ntangarugero ku biremwa byose byo ku isi.

Imana iragira iti “***Mukuri (wowe Muhamadi) ufite umuco mwiza uhebuje.***” (Qor'an 68:4)

Mu mico myiza dukomora ku ntumwa Muhamadi (Imana Imuhe Amahoro n'imigisha) harimo n'umuco wo gufatanya n'uwo mwashakaye mu mirimo yose y'urugo utitaye kuri ba bandi bavuga ko umugabo ukora imirimo yo mu rugo aba ari inganzwa cyangwa yararozwe n'umugore. Bityo intumwa y'Imana iragira iti, “*Umwiza mu rimwe ni umwiza ku muryango we (Umugore n'abana) kuko nanjye ndi mwiza ku muryango wanjye.*” Ibi bikaba bigaragaza ko umugabo agomba kuba mwiza ku bandi yabanje kuba mwiza kubo mu muryango we, kuko usanga abantu bashima umugabo mu mikoranire ye n'abandi ariko wabaza imikoranire ye n'umugore we ndetse n'umuryango we bakakubwira ko umugabo ari intakoreka ntacyo akora mu rugo. aha dusanga intumwa y'Imana yarakoze imirimo yose ishoboka yo mu rugo, nk'uko tubisanga mu mvugo n'ibikorwa byayo binyuranye bigaragaza ubufatanye bwe n'abafasha be mu buryo bukurikira:

- Gufasha abo mu rugo mu mirimo barimo bakora.
- Gukora imirimo utarobanuye.

Urugero rwo kwifatanya n'abandi mu mirimo tubisanga:

- Imvugo yakiriwe na Aswad aho yabajije umugore w'Intumwa y'Imana witwaga Aisha (Imana imwishimire) ku mirimo Intumwa y'Imana yakoraga mu rugo, akamusubiza ati “*Yafashaga abiwe mu mirimo babaga bakora, igihe cyo gusali cyagera akajya gusali.*”

Na ho urugero rwo kutarobanura imirimo twavuga:

- Na none ubwo Aisha yabazwaga imirimo Intumwa y'Imana yakoraga mu rugo rwe, yavuze ko yadodaga imyenda, agahanagura inkweto, akanakora n'indi mirimo abagabo bakora bari mu ngo zabo.

Uretse n'umugore Islamu idutegeka gufasha n'abakozi dukoresha, aho intumwa y'Imana yagize iti, “*Nabo ni abavandimwe banyu, Imana yabashyize mu nsi y'ubuyobozi bwanyu, muzabagaburire mubyo murya, munabambike nk'uko mwambara, kandi nti muzabategeke gukora ibyo badashoboye, niba mubibategetse mujye mubafasha.*”

Izi mvugo zose ziratugaragariza ko umugabo mu rugo rwe agomba gufatanya n'abandi mu mirimo inyuranye kandi

azirikana ko ariwe mushumba mukuru uzabazwa ibyo
yaragijwe, kandi akamenya ko umuyobozi w'urugo ari
umugaragu warwo.

IKIGANIRO CYA KABIRI: KUBONEZA URUBYARO

Hashize imyaka irenga igihumbi na magana ane idini ya Islamu igaragaje ko umugore agomba konsa umwana imyaka ibiri yuzuye, kugirango ubuzima bw'umugore n'umwana burusheho kugenda neza nk'uko Imana ibivuga igira iti, “*Ababyeyi nibonse abana babo imyaka ibiri yuzuye, k'ushaka gutunganya gahunda yo konsa.*” (Qor'an 2:233) Ibi ubihuje n'imvugo y'Intumwa y'Imana Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) aho ibuza umugore konsa umwana igehe atwite, usanga intera igomba kuba hagati y'umwana n'undi yaba ari imyaka itatu (3) cyangwa irenga haramutse hubahirijwe iyi gahunda.

Islamu ikaba yifatanya n'andi madini yibumbiye muri “RCLS-Rwanda” mu gushyira mu bikorwa gahunda y'igihugu yo kuboneza urubyaro ku buryo butabangamira imyemerere ya yo nk'uko byumvikanyweho n'urwo rugaga n'inzego za Leta (Minisitere y'Ubuzima) ku bigomba gukorwa hakurikijwe imyemerere ya buri dini. Ni muri urwo rwego Idini ya Islamu ishyigikiye uburyo bwa gakondo bwo kuboneza urubyaro

n'agakingirizo hagati y'abashakanye, ikaba kandi ikangurira buri muyislamu wese kugira uruhare mu kuboneza urubyaro akoresheje ubwo buryo kugira ngo hakumirwe hakiri kare ingaruka z'ubwiyongere bw'abaturage butajyanye n'ubw'ubutaka n'ubw'ubukungu bw'igihugu. Zimwe mu mpamvu zifatika zatuma Abayislamu basabwa kugira uruhare mu kuboneza urubyaro ni izi zikurikira.

Iperereza rya Minisiteri y'Ubuzima mu Rwanda ku bwiyongere bw'abaturage n'ubuzima (EDS 2005), ryagaragaje ko ubwiyongere bw'abana bavuka buteye butya:

- 23% y'abana bakurikizwa mbere y'uko bagira imyaka 2.
- 41% bakurikizwa mbere y'uko bageza ku myaka 3.
- 36 % bakurizwa bagejeje byibuze ku myaka 3.

Byaba byiza umwana akurikijwe nibura agejeje ku myaka 3 kubera ko, “*mu Rwanda ibihumbi by'abagore n'abana bato bapfa byagabanuka abana bacukijwe ku gihe.*”

**Kuboneza urubyaro bizamura imibereho myiza
y'umuryango**

Islamu ishimangira ko urubyaro ari impano y'Imana abantu bagomba kwishimira, inabashishikariza kuboneza urubyaro

bakurikiza abana mu gihe Imana yateganyije muri qor'an ari cyo cy'emyaka hafi itatu nk'uko byavuzwe mu ngingo zabanjirije iyi. Ibyo bituma umwana abona uburenganzira bwe no gutegurirwa ejo hazaza heza. Imana ibigaragaza igira iti, “***Na babandi bafite impungenge zo kuzasiga urubyaro rwabo mu bukene abo nibatinye Imana barangwe no kuvuga ukuri.***” (Qor'an 4:9)

Intumwa y'Imana nayo iti: “*Kuba wasiga urubyaro rwawe rwishoboye ni byiza kurusha uko warusiga ari abatindi basabiriza.*”

Bigerwaho ku bwumvikane bw'abashakanye

Islamu yahaye buri wese inshingano zo kumenya no kubungabunga ubuzima bwe, ni yo mpamvu umugore muri Islamu ariwe wambere ugomba kwita ku buzima bwe no kububungabunga nk'uko Imana igira iti, “***Muramenye ntimuzagire uruhare mu koreka ubuzima bwanyu.***”

(Qor'an 2:195)

Hamwe n'ibyo umugore mu guhitamo inzira yo kuboneza urubyaro agomba kubijyaho inama n'umugabo we, aha Imana

itegeka abantu kujya inama mu bibareba igira iti, “***Mubyo bakora babijyeho inama.***” (Qor'an 42:38)

Ibyo bigashimangirwa n'invugo y' intumwa y'Imana Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) igira iti, “*Ugishije inama ntakorwa n'ikimwaro.*”

Inzira zikoreshwu mu kuboneza urubyaro

Islam itegeka ko ababyeyi bonsa abana babo igihe cy'emyaka ibiri yuzuye, nk'uko bishimangirwa n'umurongo wa Qor'an ntagatifu wavuzwe haruguru, iyo ufashe uwo murongo ukawuhuza n'invugo y'intumwa y'Imana ibuza ababyeyi batwite konsa abana babo, ibyo biguha kubona ko intera ntoya yo gukurikiza umwana nibura yaba imyaka itatu. Ibyo bikaba bishimangira ko Islamu itemera kubyara indahekana.

Gahunda yo kuboneza urubyaro muri islamu yabayeho mu gihe cy'Intumwa y'Imana Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) aho bakoresaga uburyo bwo kwiyakana hagamijwe kwirinda kubyara indahekana, ibyo bikaba byarashimangiwe n'abasangirangendo be aho bagira bati: “*twiyakanaga mu gihe Qor'an yahishurwaga.*”

Kuba iki gikorwa cyarakorwaga igihe Qor'an yahishurwaga n'intumwa y'Imana ntikibabuze bigaragaza ko kwiyakana byemewe muri Islamu, ikanemera ko hakoreshwa inzira zose zishoboka kugirango umwana acukire igihe.

Iyo rero turebye iyo nzira yakoreshwaga mbere twayigereranya n'inzira zigezweho zikoreshwa muri ibi bihe nk'agakingirizo, kubara n'izindi, kuko nazo zigamije icyo abiyakanaga bari bagamije icyo gihe, ari cyo, "Kuboneza urubyaro kugirango umwana acukire igihe," kuko kugereranya ibintu bifitanye isano ni inkomoko yemewe muri Islamu izwi ku izina rya "al qiyasi."

Bityo rero izi nzira zindi zikoreshwa muri ibi bihe hagamijwe gukurikiranya abana no kubacukiriza ku gihe ziremewe muri Islamu, igihe nta ngaruka mbi zagira ku buzima bw'umubyeyi, kuko ziramutse zimugizeho ingaruka mbi ntabwo zaba zemewe muri Islamu, nk'uko Imana igira iti, "***muramenyen timuzagire uruhare mukoreka ubuzima bwanyu.***" (Qor'an 2:195) Ibyo bikaba bisaba gukurikiza inama agiriwe na muganga ubifitiye ubushobozi hashingiwe ku miterere y'umubiri we.

IKIGANIRO CYA GATATU: UBUFASHA KU MUGORE MBERE NA NYUMA YO KUBYARA

Minisiteri y'Ubuzima itwereka uko umugore agomba kwitwara mu gihe atwite na nyuma yo kubya. Ubwo buryo ni:

- Kwipimisha nibura inshuro 4 igihe atwite.
- Kumenya neza ko afite ubwishingizi magirirane mu kwivuza, kuri we ubwe n'umwana uzavuka.
- Guhitamo ivuriro azabyariramo.
- Guteganya uko azagerayo.
- Guteganya ibyo azakenera igihe cyo kubyara kigeze kuri we no ku mwana.
- Guteganya umuntu ushobora kumuha amaraso igihe byaba bibaye ngombwa.
- Gushaka umurwaza ufite umwanya hakiri kare.
- Gusubira kwa muganga adatinze kugira ngo bamufashe kumenya niba nta zindi ngaruka zamuzaho myuma yo kubyara.

Bigaragara ko abagore batwite bagerageza kwisuzumisha kwa muganga, imibare igaragaza ko 13% gusa aribo bipimisha byibuze izo nshuro 4. Ibi bikaba bigaraza ko umubare munini

w'abagore batwite ari abatitabira gahunda yo kwipimisha kwa muganga, akaba ariyo ntandaro y'ibibazo ababyeyi benshi bagira mugihe batwite, babyara cyangwa na nyuma yo kubyara.

Umubare w'abagore batwite bafashijwe n'ababyaza babigize umwuga muri 2007 na 2008 wariyongere ugereranyije no muri 2005 kuko wavuye kuri 39% ugera kuri 52% (EIDS 2008). Abagore 45% babyariye kwa muganga. Ni ngombwa cyane ko umubyeyi wese abyarira kwa muganga agafashwa n'umuganga wabyigiye kandi ufite n'ibyangombwa byose bikenerwa.

Iyo umugore amaze gusama, Islamu igaragaza ko imikurire y'umwana munda ya nyina inyura mu bihe binyuranye , nk'uko Imana ibivuga igira iti, “*Mukuri twaremye umuntu tumukuye mu gitaka , nyuma yaho tumugira agasoro, nyuma tugihinduramo ikibumbe cy'amaraso , nyuma yaho tugihinduramo ikinyama , nyuma tugishyiramo amagufa, hanyuma tuyambika umubiri, maze aba ikiremwa cyuzuye, mukuri ubutagatifu ni ubw'Imana yo yaremye igatunganya.*” (Qor'an 23:11-14)

Iyi mirongo ivuzwe haruguru, iragaragaza ko umwana mbere yo kuvuka aca mu byiciro binyuranye, ni yo mpamvu umugore asabwa kumenya imihindagurikire y'ubuzima bwe nyuma yo gusama, ari nako asabwa kugana ibigo nderabuzima kugirango ahabwe inama k'ubuzima bwe n'ubw'umwana, nk'uko Imana ibivuga iti “***Musobanuze abasobanukiwe ku byo mutazi.***” (Qor'an 16:43)

Ku birebana n'imyiteguro yo kubyara, umugabo asabwa gufasha umugore mu gutegura no guteganyiriza umwana uzavuka ibikenerwa byose, ibi bishimangirwa n'imvugo y'Intumwa y'Imana Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) aho yagize iti, “*ibyo umugabo atanze mu rugo iwe abihaye ab'iwe, umwana we cyangwa umukozi we, biba ari ituro atanze ku Mana.*”

Ibyo Imana ibitegeka igira iti, “***Se w'Umwana agomba kugaburira no kwambika umugore we nk'uko bikwiye.***” (Qor'an 2:233)

Kubungabunga ubuzima bw'umwana

Umwana agomba kwitabwaho kuva agisamwa bigakomeza akiri mu nda na nyuma yo kuvuka. Nyuma yo kuvuka umwana

agomba guhita ashyirwa ku ibere kandi akonka byibura amezi atandatu atavangiye n'izindi ndyo.Umwana agomba gukingirwa indwara. Umwana agomba kurindwa, kuko umubare w'abana bapfa ari munini, bazira impiswi, isuku nke, umusonga, imirire mibi, umwuma, amaraso make no gutinda kuvuzwa.

Umwanzuro w'ikiganiro cya gatatu

Haracyari umubare munini (55%) w'abagore batwite batabyarira kwa muganga. Iyo ni yo ntandaro nini yo gupfa ari benshi, bo n'abana babo igihe babyara. Kubyarira kwa muganga ni byiza, buri mukirisitu akwiye kwiyumvisha uruhare rwe mu gukangurira ababyeyi kwipimisha no kubyarira kwa muganga. Asabwa kandi gukangurira abandi yihereyeho kuko “kora ndebe iruta vuga numve.”

IKIGANIRO CYA KANE: UBUZIMA BW'UMWANA

Mu myemerere ya Islamu, ni itegeko kwita ku buzima bw'umwana kandi ibyo bikaba ngombwa ku babyeyi bombi kurinda icyatuma ubuzima bwe buhungabana.

Ni muri urwo rwego Islamu ihamagarira ababyeyi gukingiza abana babo no kubaha indyo yuzuye nk'uko Imana ibibategeka, iragira iti, “***Muramanye ntimuzagire uruhare mukoreka ubuzima bwanyu.***” (Qor'an 2:195) Kandi kwita ku buzima muri Islamu ni ngombwa kuri buri wese nk'uko Intumwa y'Imana (Imana imuhe amahoro n'imigisha) ibitegeka igira iti, “*Yemwe bagaragu b'Imana mwivuze, kuko buri burwayi bwose Imana yabushyiriyeho umuti, uwawumenye yarawumenye n'utarawumenye ntiyawumenye ariko urahari, uretse indwara imwe ari yo ubusaza.*”

Intumwa y'Imana Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yashishikarije abantu kwita ku buzima no ku burinda ibishobora ku buhungabanya bityo ibahamagarira kwikingira ibiza n'ibyorezo igira iti, “*Ni mwumva icyorezo cyateye mu karere runaka ntimukajyeyo*”

Igihe kimwe Intumwa y'Imana Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yanze gusuza umurwayi w'ibinyoro bishaka kuvuga ko yigishaga abantu kwirinda indwara zanduza.

Gukingiza umwana ni bumwe mu buryo bwo kumubungabungira ubuzima. Iyo umwana bamukingiye, ashobora kutarwara iyo ndwara. Iyo abana bose bo mu mudugudu bakingiwe indwara, iyo ndwara ntigaragara cyane mu bana bakingiwe. Ibyo ni ibyemezwa na Minisiteri y'Ubuzima ari na yo igaragaza urutonde rw'indwara umuntu ashobora kwirinda hakoreshejwe urukingo ari zo igituntu, iseru, inkorora y'igikatu, tetanosi, gapfura, imbasa, n'umwijima.ⁱ

N'ubwo ibyiza by'urukingo ntawe ubishidikanyaho, ubushakashatsi bwakozwe bwerekana ko hakiri abana benshi badakingizwa. Ingaruka za byo zikaba ari uburwayi bushobora kubaviramo no gupfa. Minisiteri y'Ubuzima ivuga ko umubare w'abana bakingiwe mu mwaka wa 2007-2008 ungana na 80% mu gihe bari 75% muri 2005.ⁱⁱ

Zimwe mu mpamvu z'ingenzi twavuga zituma abana badakingirwa cyangwa ntibarangize inkingo zose ziteganyijwe twavuga:

- Kuba nyina atarigeze yipimisha cyangwa ngo ageze ku nshuro enye mbere yo kubyara.
- Kutavukira kwa muganga.
- Ubujiji bw'ababyeyi b'umwana ariko cyane cyane ubwa nyina umubyara.
- Kwibagirwa italiki yo kujya gukingiza umwana.
Ni byiza ko abana bose kuva ku mezi 11 kumanura n'abagore batwite bitabira gahunda y'ikingira kugira ngo birinde indwara.

IKIGANIRO CYA GATANU: INDYO YUZUYE KU MUBYEYI N'UMWANA

Indyo yuzuye ni imwe mu mpamvu zo kurinda umubiri, ni yo mpamvu Imana yaziruye kurya amafunguro meza, kubera inyungu yo kurinda umubiri indwara zishobora kuwumunga. Imana iti, “*Yemwe abemeye, murye amafunguro meza twabageneye....*” (Qor'an 2:172) Intumwa y'Imana yitaga kumirire myiza, ikanabishishikariza n'abandi, ibyo tubisanga mu nyigisho zayo zinyuranye muri zo.

Imvugo yakiriwe na Zahada Al Jurumi agira ati, “*Nagiye kwa Abi Mussa nsanga arya inyama y'inkoko ni uko ampa ikaze agira ati, 'ngwino uryeho, kuko nabonye intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) irya inkoko.'*”

Igihe kimwe Umu Salama yazaniye Intumwa y'Imana Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) ikidari cy'inyama y'ihene cyokeje, akaba yaranakundaga kurya inyama zoroshye z'amoko anyuranye, kugirango yihaze mu ntungamubiri zuzuye. Naho mu byo kunywa, intumwa y'Imana Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yakundaga

kunywa amata, kurya ubuki, n'ibinyasukari, nk'uko bigaragara mu mvugo yayo igira iti, “*Uwo Imana izaha amata azagire ati 'Mana yahe imigisha kandi uyatubure, kuko nta kintu mu byo kurya no kunywa cyasimbura amata.* ””

Kandi yakundaga kurya ibinyampeke n'ibinyamafufu. Nk'uko bigaragara k'uwasimaniye Intumwa y'Imana Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) mubyo yamuteguriye harimo umugati ukozwe mu ngano, n'umufa n'igikoma.

Mu bindi Islamu ishishikariza abantu mu kwita ku buzima bwabo harimo kurya imboga n'imbuto zigira uruhare mu kubaka umubiri bikanawurinda, nk'uko tubisanga mu mvugo yakiriwe na Abdullah mwene DJAFAR agira ati, “*nabonye Intumwa y'Imana irya itende zihkiye....*” Na none Aisha umugore w' Intumwa y'Imana Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) aragira ati, “*Intumwa yakundaga kurya igihaza (Pasteque) kiryohera.*”

Imirire mibi ni imwe mu mpamu zituma abantu barwara ndetse bikaba byanabaviramo no gupfa. Birushaho kuba bibi iyo ari abana bato cyangwa ababyeyi batwite cyangwa bonsa. Ubushakashatsi bwakozwe na Minisiteri y'Ubuzima bukubiye

mu cyo yise, “Turwane ku buzima bw’ababyeyi n’abana,” bugaragaza ko abana 5/1000 bari munsi y’imyaka 5 bugarijwe n’ikibazo cy’imirire mibi. Ubundi bushakashatsi bwakozwe na Minisiteri y’Ubuzima muri 2007 na 2008 (EIDS 2008) bwerekanye ko 48% by’ abana bari hagati y’amezi 6 na 59 bafite ikibazo cyo kugira amaraso make kubera imirire mibi.

Iyo mirire mibi ni yo ikurura bwaki, kudindira mu mikurire, kugira intege nke z’umubiri, kurwaragurika no kutabasha gukurikira neza mu mashuri. Indyo yuzuye ni ngombwa ku bana kuko ituma bakura neza, bakagira imbaraga kandi ikanagira uruhare runini mu kubarinda indwara zandura.

IKIGANIRO CYA GATANDATU: ISUKU NO KURENGERA IBIDUKIKIJE

Idini ya Islamu itegeka buri wese kwita ku isuku y'umubiri, imyambaro n'aho atuye. Nk'uko Imana ibitegeka igira iti, “***Mu kuri Imana ikunda abicuza n'abanyesuku.***” (Qor'an 2:222) Nanone iti, “***N'imyambaro yawe ujye uyisukura.***” (Qor'an 74:4) Intumwa y'Imana Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) iragira iti, “***Isuku ni kimwe mu bigize ukwemera.***”

Islamu itoza umuntu kwita ku isuku ya buri munsi nk'uko intumwa y'Imana Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yavuze ko hari ibintu 5 by'isuku kamere umuntu agomba kubahiriza:

- Gukebwa ku mugabo
- Kogosha imisatsi y'ibanga
- Kugabanya ubwanwa bwo hejuru
- Guca inzara
- Kogosha ubucakwaha

Islamu kandi ishishikariza umuntu gukaraba ibiganza akibyuka, no gukoresha uburoso bwo mu kanwa inshuro nyinshi zishoboka. Imvugo yakiriwe na Abuhurayira aragira ati Intumwa y'Imana Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yaravuze iti, “*Ntihazagire uzakoza ibiganza bye mu gikoresho keretse abanje gukaraba inshuro eshatu kuko aba atazi aho yakoze.*”

Mu bindi Islam ishishikariza abantu mu kwita ku isuku y'umubiri wabo hari no koza mu kanwa nk'uko bishimangirwa n'imvugo y'Aisha agira ati, “*iyo intumwa y'Imana yinjiraga mu rugo yihutiraga gusukura mu kanwa.*”

Naho mu rwego rw'ibidukikije, Islamu itegeka buri wese kubyitaho no ku bibungabunga muri ubu buryo bukurikira:

- Kwirinda kubyangiza.

Imana iragira iti, “***Kandi muramenye ntimuzakore ubwononnyi ku isi nyuma y'uko Imana iyitunganyije.***” (Qor'an 7:56-57)

Imana yaremye isi irayisasa nk'uko igira iti, “***kandi Isi twayishashe neza.***” (Qor'an 78:6) Nyuma y'aho

iyishimangiza imambo z'imisozi kugira ngo itajegajega, nk'uko Imana igira iti “***Ese ntimubona ko isi twayishashe n'imisozi tukayigira imambo zayo.***” (Qor'an 78:6-7)

Ibyo kandi byashimangiwe n' Intumwa y' Imana Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) ikangurira abantu kwita ku bidukikije igira iti, “*Uzatera igiti cyangwa igihingwa kikaribwaho n'abantu, amatungo ndetse n'inyoni, azaba atanze amaturo ku Mana.*” Na none Intumwa yabujije konona amashyamba igira iti, “*Muramenye ntimuzateme ibiti, kandi ntimuzice n'inyamanswa mu bwononnyi.*”

Na none intumwa y'Imana Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yategetse abantu kwita ku isuku y'aho batuye ibabuza kwitura ahabonetse hose, igira iti:

- “*Mwirinde kwitura ahantu habiri mu nzira n'aho abantu bugama izuba, kuko habateza imivumo y'Imana n'iy'abantu.*”
- “*Ntihazagire umuntu n'umwe uzitura mu mazi.*”

Isuku ikubiyemo amabwiriza y'ingenzi atuma abantu bagira ubuzima bwiza muri rusange. Imwe mu mpamu zituma abantu benshi barwara ndetse bikabaviramo no gupfa ni ukutagira isuku. Ubushakashatsi bwakozwe bwagaragaje ko abantu 25%

ku isi bapfa bazira indwara ziterwa na mikorobe ziva ku isuku nke, ziza ku mwanya wa kabiri. Umubare w'abahitanwa n'indwara z'umutima n'imitsi baza ku mwanya wa mbere, zihitana abangana na 31%. Na ho umwanya wa gatatu ni uw'abahitanwa na kanseri, bagera kuri 13%. Impinja n'abana bari mu kigero cy'imyaka ine usubiye hasi bahitanwa n'indwara ziterwa na mikorobe n'isuku nke ni 63%.ⁱⁱⁱ

Minisiteri y'Ubuzima mu Rwanda yemeza ko buri mwaka, abantu 7/10 cyane cyane abana, barwara indwara zikururwa n'umwanda. Muri zo twavuga impiswi n'inzoka zo mu nda.^{iv}

Izo ndwara ziterwa ahanini no kudakaraba intoki mbere yo kurya na nyuma yo kwituma, kutagira imisarane yo kwitumamo, ubucucike mu miturire, umuco wo gusangirira ku muheha, kutagira imisarane rusange ahantu hakorerwa cyangwa hagendwa n'abantu benshi. Usanga imyanda ikwirakwizwa hirya no hino ikaba ari yo ikurura mikorobe ziterwa indwara.

Minisiteri y'Ubuzima (EDS 2005) yemeza kandi ko abana bagera kuri 21% bapfa buri mwaka bataruzuza imyaka 5 baba bazize indwara z'inzoka zo mu nda n'impiswi kubera kutagira isuku.

Zimwe mu ngamba twafata ngo twirinde kandi turinde n'abana bacu izo mpfu ni izi zikurikira:

- Kwiyuhagira nibura rimwe buri munsi.
- Kumesa imyenda n'isabune, kuyanika ku zuba ikuma neza byashoboka igaterwa ipasi, kuko byica udukoko na za mikorobe.
- Kwituma mu musarane muremure, wubakiye neza, upfundikirwa kandi ukorerwa isuku ya buri munsi.

Minisiteri y'Ubuzima ivuga ko umubare w'ingo zifite imisarane yujuje ibyangombwa ungana na 4% mu cyaro na 31% mu mijyi (EDS 2005).

IKIGANIRO CYA KARINDWI: KWIRINDA

ICYOREZO CYA SIDA N'INDWARA ZANDURIRA

MU MIBONANO MPUZABITSINA

Nk'uko bigaragara mu bushakashatsi bunyuranye, 75% by'abantu bandura virus itera SIDA bayabandurira mu gukora imibonano mpuzabitsina, akaba ari yo mpamvu Islamu yakumiriye inzira zose zatuma abantu bagwa mu gikorwa cy' ubusambanyi. Imana iragira iti, "***Muramenye ntimuzegere ubusambanyi kuko ari amahano n'inzira mbi iganisha abantu mu kurimbuka.***" (Qor'an 17:32)

Na none Intumwa y'Imana igaragaza ko ubusambanyi bufite ingaruka n'inkurikizi mbi kuri sosiyete, igira iti, "*Igihe ubusambanyi buzagaragara mu bantu bakabwamamaza ku mugaragaro, bazagerwaho n'ibyorezo ndetse n'indwara zitigeze zibaho ku bababanjirije.*"

Islamu mu rugamba rwo kurwanya virus itera SIDA

Islamu ishyigikira politiki ngenderwaho yo ku rwanya Virusi itera SIDA, ibyo kandi ntibyabura kuko Islamu ari idini yateganyije gahunda zose z'ubuzima n'ibyo bukenera. Kuko

SIDA ari ikibazo cyugarije isi, birumvikana ko Islamu itabura mu rugamba rwo guhangana nayo, ni yo mpamvu Islamu ishyigikira ingamba n'inzira zashyizweho mu buryo bukurikira:

Gutoza

Iyi nzira Islamu irayemera ndetse ikanayishimangira cyane, kuko ishingiye ku kwigisha no gutoza abantu bakamenya ububi bwa Virus itera SIDA, inzira yanduriramo n'uburyo bwo kuyirinda, ibyo bikabaha guhindura imyifatire.

Ibi bishimangirwa n'inama Intumwa y'Imana Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yagiriye umusore umwe waje ayigana arayibwira ati, “*Yewe Ntumwa y'Imana ndagusaba ko wampa uburenganzira bwo kujya nsambana, abari aho baramucyaha bati: ceceka wamusore we ibyo ni ibiki ubajije!* *Intumwa y'Imana iramunbwira iti: igira hino, umusore yegera Intumwa y'Imana maze iramubwira iti: ese ibyo wifuza gukora, wifuza ko byakorerwa umubyeyi wawe? Umusore ati oya, Intumwa iti: Ese wa kwifuza ko bikorerwa mushiki wawe?* *Umusore ati: oya. Intumwa iti: ibyo wifuza ko hari uwa bikorera umukobwa wawe? Umusore ati: oya. Intumwa iti: ese wifuza ko byakorerwa bashiki bawe, umusore ati oya... Intumwa*

y'Imana iti 'rero ibyo utifuza ko byakorerwa abawe, nawe ntukabikorere abandi.'"

Maze intumwa y'Imana imurambikaho ukuboko kwayo imusabira ku Mana igira iti "Nyagasanibabarira uyu musore, weze umutima we, unamushoboze kurinda ubwambure bwe." Nyuma y'aho, uwo musore yarahindutse kuburyo atigeze yongera gutekereza ubusambanyi. Izi nama z'Intumwa y'Imana kuri uyu musore ziragaragaza ko inzira yo kugisha inama ari ingira kamaro kandi zinyura umutima bigatuma umuntu ahindura imyifatire ye.

Kwifata

Kwifata niyo nzira yonyine yizewe yo kurinda virus itera SIDA kurusha izindi nzira zose zikoreshwa. Ni yo mpamvu Islamu yayibanzebo cyane ndetse ntiyabujije abantu gusambana gusa, ahubwo yababujije no kwegera inzira zose zishobora kubagusha muri icyo cyaha, Imana yaravuze iti, "**"muramenye ntimuzegere ubusambanyi kuko ari amahano n'inzira mbi iganisha abantu mu kurimbuka."**" (Qor'an 17:32)

Kwifata no kwirinda ubusambanyi ni kimwe mu biranga abemeramana nyakuri, nk'uko Imana ibataka ibavuga ibigwi igira iti “*Ni babandi bifata bakarinda uwambure bwabo uretse kubo bashakanye, kuko nta mugayo babibonera.*” Na none Imana yagaragaje ibyaha abantu birinda igira iti: “***Ni babandi batabangikanya Imana, kandi ntibavutse abantu ubuzima bwabo babaziza bakanirinda ubusambanyi.***”

(Qor'an 25:68)

Na none Intumwa y'Imana yaravuze iti, “*uzarinda ururimi rwe n'ubwambure bwe mwijeje ijuru.*”

Iyi mirongo iragaragaza ko kwifata no kwirinda ubusambanyi ari itegeko kandi bikaba ariyo nzira iboneye yo kwirinda virus itera SIDA, kuko mu busambanyi ariho yandurira kurusha ahandi, ubwo rero ubwirinze ahandi yahurira na SIDA ni hake cyane.

Islamu kandi yanateganyije ibihano bya hano ku isi ku basambanyi n'abasambanyikazi, ukoze icyo cyaha atarashaka amategeko ya Kislamu (Shariat) amuhanisha gukubitwa inkoni ijana mu ruhame, Imana ibishimangirwa igira iti

“*Umusambanyi kazi n'umusambanyi bombi*

*mubakubite inkoni ijana kandi ntimuzabagirire
impuhwe igihe batandukiriye itegeko ry'Imana....”*

(Qor'an 24:2)

Ubudahemuka

Iyi nayo ni inzira ikoreshwa mu ngamba zo kurwanya virus itera SIDA. Islamu itegeka ubu buryo. Nk'uko bigaragazwa n'imvugo nyinshi z'Intumwa y'Imana Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) muri zo hari aho yabajijwe ibyaha bikomeye maze irasubiza iti, “*icya mbere ni ukubangikanya Imana kandi ariyo yakuremye, ikindi ni ukwica umwana wawe kubera guinya ko nta bizamutunga ufite no gusambanya umugore w'umuturanyi wawe.*”

Na none Intumwa y'Imana iti, “*umugabo uzaca inyuma mugenzi we adahari Imana izamuteza inzoka nini ku munsi w'imperuka.*”

Izi nyigisho z'Intumwa y'Imana ziragaragaza ko guhemukirana ku bashakanye ari icyaha gikomeye muri Islamu, kandi bikaba imwe mu nzira yo kwanduzanya virusi itera SIDA, kuko hari igihe yayandurira aho yagiye maze akayizanira mugenzi we bashakanye. Akaba ariyo mpamvu muri Islamu hateganywa

ibihano k'uwo ariwe wese waca inyuma uwo bashakaye, igihano cye kikaba gutterwa amabuye kugeza apfuye, nyuma y'uko hagaragaye ibimenyetso bifatika byo gutatira igihango cy'ubudahemuka. Bityo rero kudaca inyuma uwo mwashakanye, ni imwe mu nzira zo kwirinda virusi itera SIDA Islamu yategetse mu kurinda ubuzima bwa muntu.

Agakingirizo

Ni uburyo bukoreshwa mu kwirinda virusi itera Sida. Islamu rero yemerera abashakanye kugakoresha igihe banduye bombi cyangwa umwe muri bo, naho ku bagakoresha mu busambanyi igikwiye mbere y'ibindi ni ukubagira inama yo kureka ubusambanyi no kumenya ko ari icyaha gihambaye kandi kigira ingaruka mbi k'ubuzima n'imibereho rusange y'abantu. Islamu isanga agakingirizo atari kabi ubwako ntikabe n'icyaha ndetse n'ugakoreshje mu busambanyi ntabwo bimutuburira icyaha cy'uko yagakoreshje, ariko agumana icyaha cyo kurengera imbibi z'Imana.

Gusiramura

Hashize ibinyejana birenga 14 islamu ishishikarije igitsina gabon kwisiramuza, inabishyize mu migenzo y'isuku kamere bagomba kuzirikana nk'uko bishimangirwa n'imvugo y'Intumwa y'Imana

igira iti, “*hari ibintu bitanu biri mu migenzo y’isuku kamere muri byo harimo gusiramurwa ku gitsina gabon*.”

Iyi mvugo y’intumwa y’Imana uyihuje n’umwanzuro w’ishami ry’umuryango w’abibumbye ryita ku buzima (WHO), aho ryemeje ko gusiramurwa ku bagabo ari bumwe mu buryo bwemejwe bwakwifashishwa mu ngamba zo ku rwanya virusi itera SIDA bukunganira ubundi buryo bwari busanzwe bukoreshwa. Ibyo bigaragaza ko mu ngamba Islamu ikoresha mu kurwanya virusi itera SIDA harimo no gutegeka igitsina gabo kwisiramuza, ariko n’ubwo usiramuwe afite amahirwe menshi yo kutandura virusi itera SIDA ntibisobanura ko atakwandura.

Ubushakashatsi ku mibereho y’abaturage n’Ubuzima (EDS 2005) bwerekanye ko abantu babana n’ubwandum bw’agakoko ka SIDA bangana na 3%. Abagore n’abakobwa akaba ari bo bibasirwa n’icyorezo cya SIDA kurusha abagabo. 75% by’abantu bandura ako gakoko gatera SIDA bakandurira mu mibonano mpuzabitsina n’aho abana 20% bakanduzwa n’ababyeyi babo igihe babatwite, bababyara cyangwa babonsa.

Amabwiriza ya Minisiteri y'ubuzima atanga ingamba zo kurwanya agakoko gatera SIDA n'uburwayi bwayo muri izi ngingo zikurikira:

- Kwirinda SIDA hakoreshejwe Uburere bwiza, Kwifata, Ubudahemukirana ku bashakanye n'Agakingirizo ku bashakanye mu gihe umwe cyangwa bombi banduye kandi babigiriwemo inama na muganga.
- Kwpimisha kugira ngo umenye uko uhagaze kandi ufate ingamba zижyanye n'igisubizo ubonye.
- Kwirinda guha akato ababana n'ubwandu.
- Kugana ibigo bitanga inama kandi bigapima ababyifuza.
- Gukangurira abagore batwite kwpimisha ngo bamenye uko bahagaze kandi bafate ingamba zituma bongerera abana bazabyara amahirwe yo kutavukana agakoko ka SIDA.
- Gukangurira ababana n'ubwandu bw'ako gakoko kugana ibigo nderabuzima kugira ngo bahabwe imiti igabanya ubukana bwa SIDA kandi birinde kwanduza abandi.

IKIGANIRO CYA MUNANI: UBWISUNGANE MU KWIVUZA

Ubwisungane muri Islamu bushingiye kuri buri gikorwa cyiza cyose kijyanye n'ubwuzuzanye, ubufatanye, n'ubuvandimwe, cyane cyane ubwisungane mu kwivuza kubera ko kubungabunga ubuzima bwiza bwa buri wese ari inshingano y'umwemeramana.

Idini ya Islam itegeka buri muntu wese kubungabunga no kwita ku buzima akanaburinda icyabuhungabanya hakoreshejwe uburyo bwo kwisungana mu kwivuza, kugira ngo abantu babeho bafite ubuzima bwiza buzira umuze. Icyo kikaba ari igikorwa cyubaka ubuvandimwe hagati y'abantu nk'uko Imana ivuga iti:
“Mu kuri abemeramana ni abavandimwe.” (Qor'an 49:10)

Byumvikana ko utakwiyyita Umwemeramana w'ukuri nta buvandimwe ufite mu mutima wawe mu gihe udatabara, udafasha abafite amikoro make mu kwivuza no mu mibereho isanzwe.

Islamu ni idini yahamagariye abantu gushishikarira ubwisungane n'ubwuzuzanye n'ubuvuzi bwo soko y'ubuzima buzira umuze. Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: “*Igihe ugiye gusali, ujye usaba Imana ko yaguha ubuzima buzira umuze.*” Akaba ariyo mpamvu muri Islamu kubungabunga ubuzima bw'abantu ari itegeko ry'Imana, kuko urokoye roho imwe ubuzima bwayo bugasugira abarwa nk'urokoye abantu bose. Imana iti: “***Urokoye roho imwe ni nkaho aba arokoye abantu bose.***” (Qor'an 5:32)

Kurokora roho ntibyagerwaho hatitawe ku kubungabunga ubuzima bw'abadafite ubushobodzi bwo kwivuza. Imana iti: “***Mufatanye mu byiza no gutinya Imana, ntimuzafatanye mu bibi no mu kugira nabi.***” (Qor'an 5:2)

Intumwa y'Imana Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: “*Imana itera inkunga umugaragu wayo, mu gihe afasha bagenzi be.*” Ubwisungane mu kwivuza biri mu rwego rwo gufasha abatishoboye n'abanyantenge nke nk'uko Intumwa y'Imana Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) ibishishikariza abantu igira iti: “*Mugirire impuhwe abari ku isi, namwe Imana izazibagirira.*”

Akaba ariyo mpamvu gufashanya, kuzuzanya no kwisungana ku bijyanye n'ubuzima ari igikorwa cyiza Intumwa y'Imana yahamagariye buri wese kucyitaho igira iti: “*Urugero rw'abemeramana ni nk'umubiri umwe, iyo urugingo rumwe rurwaye ububabare bukwira umubiri wose ukabura amahwemo.*”

Na none iti: “*uzorohereza mugenzi we mu kibazo afite, Imana izamworohereza mu bibazo bye ku isi no ku munsi w'imperuka.*”

Kwisungana mu kwivuza ni inshingano ya buri muyislamu atitaye ku muryango we gusa ahubwo akanita ku batishoboye n'abadafite ababareberera, nk'uko Intumwa y'Imana Muhamadi ivuga iti, “*Umwemera k'umwemera ni nk'inyubako imwe ifite inkingi zuzuzanya, igakomera.*”

Ni nayo mpamvu Islamu ishishikariza buri wese kutaba nyamwigendaho ahubwo akegera abandi yifatanya na bo mu gushakira hamwe umuti w'ikibazo cy'ubuzima ku batishoboye muri rusange.

Imana ubwayo yategetse abantu ko mu mitungo yabo harimo igeno ry'abatishoboye igira iti: “*Na babandi mu mitungo yabo harimo igeno rizwi rigenewe imbabare n'abatishoboye.*” (Qor'an 70:24-25)

Ntibiyumvikana ko wabona amafunguro, warwara ukivuza hanyuma ukirengagiza umuturanyi mubangikanye, nk'uko Intumwa y'Imana igira iti: “*Ntibikwiye ku mwemera ko arara ahaze hirya ye umuturanyi yaburaye.*” Byumvikana ko uwagufashije mu mafunguro atagutererana mu kwivuza ndetse no mu bindi.

Inyungu z'ubwisungane mu kwivuza

Ubwisungange ni itegeko, abantu bagomba kubwitabira bakanabyibukiranya kenshi kubera inyungu zikurikira:

Kwisungana mu Kwivuza bigabanya impfu z'abantu badafite ubushobozi kuko bifatwa nk'ituro Intumwa y'Imana yategetse igira iti: “*Buri gikorwa cyiza cyose ni ineza kandi ni ituro, n'ugishishikarije abandi agihemberwa nk'uwagikoze.*”

Kubiba urukundo n'impuhwe hagati y'abishoboye n'abatishoboye, bimakaza umuco mwiza w'ubufatanye.

Amategeko ya Islamu ashimangira ko ubwuzuzanye mu kwivuza ari umusingi w'ubuzima bwiza bw'abatuye isi, kubera ko itangazo mpuzamahanga rya Islamu ku burenganzira bwa muntu ryo 1984 ry'i Riadh ryashyize ahagaragara ingingo zihamagarira abantu by'umwihariko abayislamu ubwisungane, ibihugu n'imiryango nterankunga bikagira inshingano y'ibenze mu ku byubahiriza nkuko bivugwa mu ngingo ya 17 y'iryo tangazo, “buri muntu wese muri sosiyete n'igihugu cye afite uburenganzira bwo kwita ku buzima bwe.” Ibyo bikaba bihuye n'ingingo ya 25 y'itangazo mpuzamahanga ku burenganzira bwa muntu yigisha kubaha uburenganzira bwabo bita ku buzima bw'abarwayi n'abatishoboye. Ubwisungane muri Islamu nibwo buryo bwonyine bwo guhererekanya inyungu rusange, bityo bikimakaza umuco mwiza w'urukundo, ubufatanye n'urugwiro mu bantu b'ingeri zose. Ubushakashatsi bwakozwe (EDS 2005) bwerekana ko imibare y'abantu bitabira iyo gahunda y'ubwisungane mu kwivuza igenda yiyongera. Abantu 38.7% ni bo gusa bamaze kwitabira iyo gahunda. Uwo mubare ukuba ukiri muto cyane ugereranyije n'umubare w'abatuye igihugu.

IKIGANIRO CYA CYENDA: KWIRINDA IBISINDISHA, IBIYOBYABWENGE N'ITABI

Imana yaremye umuntu iramutaka imuha ikuzo ry'ubwenge, imurutisha ibindi biremwa byose kubera iyo nema y'ubwenge yamuhaye igira iti, “*Mu kuri twahaye icyubahiro bene Adam, tubashoboza kugendera ku butaka no mu nyanja, tubafungurira amafunguro atunganye, tubarutisha byinshi mu biremwa twaremye.*” (Qor'an 17:70)

Ni muri urwo rwego Islamu yategetse abantu kwirinda icyatokoza ubwenge bwa bo bagendera kure ibisindisha n'ibiyobya bwenge, inashyiraho ingamba na gahunda zihamye mu gukumira uwo ariwe wese wabikoresha, ishyiraho ibihano bikaze inaziririza bidasubirwaho icuruzwa n'ikwirakwizwa rya byo, nk'uko tubisanga muri Qor'an aho Imana igira iti, “*Yemwe abemeye! mu kuri inzoga, urusimbi, guterekera no kuraguza, ni umwanda kandi bikaba mu bikorwa bya shitani, mubyirinde wenda mwakiranuka.*” (Qor'an 5:90)

Intumwa y'Imana Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yaravuze iti, “*Igisindisha cyose ni ikizira.*” Naho mu nkurikizi n'ingaruka mbi z'ibiyobyabwenge n'ibisindisha, Islam igaragaza ko ari nyinshi kandi zigaruka uwabinyweye ubwe na Sosiyete n'igihugu arimo. Imana iragira iti, “***Mu kuri shitani ashaka kubiba hagati yanyu inzangano n'imyiryane abinyujije mu inzoga n'urusimbi, kandi akanababuza kwibuka Imana no gusenga., ese mwiteguye kubireka.***” (Qor'an 5:91)

Naho Intumwa y'Imana Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) mu kugaragaza ko uwakoresheje ibiyobya bwenge ashobora gukora ibibi byose, kwica, kwiba, gufata ku ngufu, n'ibindi iragira iti, “*Ibisindisha ni isoko y'ibibi byose.*”

Islamu ntiyemera ibinyobwa bisindisha ndetse n'itabi. Aba Islamu bose basabwa kubyirinda ariko cyane cyane abagore batwite n'abonsa kubera ingaruka mbi bibagiraho. Minisiteri y'Ubuzima na yo irakangurira abagore batwite n'abonsa kureka kunywa ibinyobwa bisindisha. Inzoga umugore anywa atwite zituma umwana abyaye avukana ubumuga azamarana igihe cy'imbereho ye yose. Ari mu isama, mu gihe cyo gutwita no

kubyara, inzoga zibangamira imikurire y'umwana mu nda cyane cyane ko aba ari igihe ibice by'umubiri we biba birimo biremwa kandi bitaragira ubushobozi bwo kuba byakwikiza izo nzoga, haba mu mezi ya mbere y'inda cyangwa se mu mezi ya nyuma yayo.^v Ibibimenyetso by'ubumuga buterwa n'inzoga ku mwana ni:

- Kuvukana ibiro bikeya ku mwana,
- Ibibazo by'umutima, impyiko n'izindi nyama zo munda,
- Umutwe mutoya
- Ubwenge bucye butuma umwana yiga bimugoye.
- Kudafata neza mu mutwe (Memory deficits).
- Ubushobozi bucye bwo gukemura ibibazo yahura na byo igihe cyose abaye mukuru (Poor problem solving skills).
- Imyifatire idahwitse (Immature social behaviour): gukubagana cyane, kudashobora kwifata n'iyo byaba imbere y'abantu atazi, n'ibindi.

Minisiteri y'Ubuzima ivuga ko ibyiza ari uko umubyeyi yakwirinda kunywa inzoga kuva asamye kugeza abyaye kubera ingaruka zikomeye zo kumugara burundu cyane cyane mu bwenge bw'umwana. Birababaje ko hari impinja zivuka zarazahajwe n'inzoga zanyowe na banyina babatwite.

Abenshi mu bagabo banya ibisindisha ntibaboneka mu rugo mu gihe umuryango ubakeneye; ntibagira igithe cyo guha abana ba bo uburere. Umutungo w'urugo wakagombye kubahahira, kubavuza, kubambika no kubigisha, ushirira mu nzoga, mu itabi n'ibindi biyobyabwenge.

UMWANZURO RUSANGE

Iyi mfashanyigisho yandikiwe kugaragaza uruhare rw'idini mu gukemura bimwe mu bibazo by'ubuzima bihangayikishije igihugu cyacu, by'umwihariko kubungabunga ubuzima bw'ababyeyi n'abana. Nk'uko byavuzwe mu iriburiro rusange, iyi mfashanyigisho iragaragza icyo Bibiliya na Qor'an bivuga ku buzima bw'umubyeyi n'umwana. Abakirisitu n'abayisilamu bazi ibyanditswe bitagatifu babasha kubona ko inama zitangwa n'inzobere mu by'ubuzima bw'ababyeyi n'abana ndetse na gahunda za Leta bifite ishingiro muri Bibiliya na Qor'an. Umuntu wese wemera ibyo bitabo bitagatifu yakagombye gushyira mu bikorwa gahunda zigamije kurinda ubuzima bw'ababyeyi n'abana, atari ukubera gusa ko ari politiki ya Leta cyangwa iy'umuryango mpuzamahanga ku buzima (WHO) ahubwo ari n'uko ijambo ry'Imana ribidushishikariza.

Abemera ijambo ry'Imana bahabwa imigisha bakiri kuri iyi si, kandi bazanagororerwa ubugingo bw'iteka mu ijuru.

Iki gitabo cyateguwe n'Urugaga rw'amadini mu kurwanya SIDA mu Rwanda (RCLS-Rwanda) ku bufatanye na Minisiteri y'Ubuzima babitewemo inkunga n'Umuryango ACCESS Program. ACCESS Program ni gahunda mpuzamahanga

y'Umuryango w'abanyamerika ushinzwe iterambere mpuzamahanga (USAID). Iyo gahunda igamije guteza imbere ubuzima bw'ababyeyi n'abana bakivuka.

Umuryango ACCESS ugamije kongera ibikorwa bikorerwa ababyeyi n'abana, kubyegereza ababikeneye ndetse no gushishikariza abantu kubyitabira, biciye mu rukurikirane rw'ibikorwa bihera mu rugo bikagera mu kigo nderabuzima; byose bigamije gutuma ibikorwa byiza by'ubuzima birushaho kwegera umuryango ku buryo bwose bushohoka. Jhpiego ikora iyi gahunda ifatanyije n'imiryango Save the Children, Constella Futures, The Academy for Educational Development, The American College of Nurse-Midwives na IMA World Health.

NI GUTE WAKORESHA IYI MFASHANYIGISHO

Turizerako iyi nfashanyigisho y'amadini ku buzima bw'umubyeyi n'umwana izagufasha nk'umuyobozi w'idini kurushaho kugira uruhare mu kubungabunga ubuzima bw'umubyeyi n'umwana ndetse no kubishishikariza abayoboke b'idini yawe. Dore ingero z'uburyo iyi nfashanyigisho ishobora gukoreshwa n'ubwo dutekereza ko muzongeraho urwanyu ruhare mu kushaka ubundi buryo bwo gukoresha no gukwirakwiza iyi nfashanyigisho mugambiriye kubungabunga ubuzima bw'umubyeyi n'umwana. Iyi nfashanyigisho rero ishobora gukoreshwa binyuze mu buryo bwinshi bumwe muri bwo bukaba ari ubu bukurikira:

- Mu biganiro mbwirwaruhame, ku ma radio, kuri television no ku mbuga za internet,
- Mu nyigisho zigenewe abitegura gushinga urugo,
- Mu mahuriro n'amashyirahamwe y'abagore, ay'abagabo ndetse n'ay'urubyiruko,
- Mu mahugurwa y'abagomba guhugura abandi mu idini ya Islam
- Mu nyigisho n'ibiganiro bihabwa inzego z'ubuyobozi mu idini ya Islam
- Mu nyigisho z'abashakanye
- Mu byicaro by'abasaza b'abayisilamu aho bahurira baganira

IBITABO BYAKORESHEJWE

1. Al-Imam Al-Jalil Imadudini Ismail Ben Omar Ben Kathiri,
Tafsiri Al-Qor'an Al-Adhim, 1424H/2004
2. Assunat: Sahihi Al-Bukhary
3. Assunat: Sahihi Muslim
4. Dr Ahmed Azzuhayiri, *The Islamic Humanitarian Law*,
1994
5. Minisiteri y'Ubuzima, *Inyobora Nyigisho y'Amahugurwa
y'Abajyanama b'Ubuzima*, 2008
6. Muhamad Ibrahim Ben Abdalah Atuwaijiri, *Mukh-Tasar
Fiqhi Al-Islam*, 2000
7. Qor'an Ntagatifu
8. Service National de Recensement, *Rapport sur le RGPH du
16-30 Aout 2002*, 2003
9. Urugaga rw'amadini "RCLS-Rwanda", *Imyanzuro y'Inama
ya kane y'abayobozi b'amadini ku ruhare rw'amadini mu
gushyira mu bikorwa politiki y'igihugu yo kuboneza
urubyaro no gukumira icyorezo cya SIDA mu Rwanda,
inama yabereye muri Hotel Umubano, tariki ya 12 na 13
Gashyantare 2006, Kigali-Rwanda*
10. www.statistics.gov.rw/

INYANDIKO ZIFASHISHIJWE

ⁱMinisiteri y'ubuzima, *Inyoboranyigisho y'amahugurwa y'abajyanama b'ubuzima*, 2008 p. 75-76

ⁱⁱ<http://www.statistics.gov.rw/>

ⁱⁱⁱMinisiteri y'Ubuzima, Inyoboranyigisho y'Amahugurwa y'Abajyanama b'Ubuzima, Kamena 2008, p.49

^{iv}<http://www.moh.gov.rw/mchh>

^v Minisiteri y'ubuzima, *Inyoboranyigisho y'amahugurwa y'abajyanama b'ubuzima*, 2008 p. 52-54